REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898. Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°19/2019: **Taliki: 1–30 Nyakanga 2019**

Ryoherejwe kuwa 2 Kanama 2019

Ingingoz'ingenzi:

- **Kuva tariki ya 1 kugeza 30 Nyakanga 2019**; imvura yaguye yari hejuru ugereranyije n'imvura n'isanzwe igwa muri Nyakanga.
- **Mu kwezi kwa Nyakanga 2019 ubuhehere bw'ubutaka** bwakomeje kugabanuka cyane ugereranyije n'uko bwari bwifashe mu kwezi kwa Kamena 2019; mu Majyaruguru y'uburengerazuba akaba ariho hagaragaraga ubuhehere bw'ubutaka bwiza bitewe n'imisozi miremire.
- **Mu kwezi kwa Kanama 2019;** hateganyijwe imvura nke mu cyumweru cya mbere mu Iburengerazuba no Mujyaruguru y'Iburengerazuba bw'Igihugu.

I. Iriburiro

Mu kwezi kwa Nyakanga 2019; imvura yaguye yari hejuru ugereranyije n'isanzwe ihagwa mu kwezi kwa Nyakanga. Iyi mvura ikaba yaratewe n'umuyaga waturukaga mu Nyanja y'Abahinde wahinduye icyerekezo ukazana ubuhehere bw'umwuka mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 1-30 Nyakanga 2019 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro.

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	1-30 Nyakanga_2019	1-30 Nyakanga
Kigali	3	12.1
Rusizi	26.6	10.6
Rubavu	24.43	22.9
Nyamagabe	18	11.1
Ngoma	6.4	5.4
Gicumbi	16.4	9
Busogo	18.7	29.6
Bugarama	32.5	10.2
Musanze	17.4	17.2
Gitega	0	2
Rubengera	17.4	11.5
Byimana	8.9	12.4
Kawangire	21.7	9.8
Nyagatare	60.4	3.2



Imbonerahamwe ya 1

Ubusesenguzi ku mvura yaguye: ikarita zikurikira **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 1-30 Nyakanga 2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.



Ikarita 1: Imvura yaguye (mm): 1-30 Nyakanga



Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa (mm): 1-30 Nyakanga

II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20 Kamena 2019 mu buryo burambuye

Igiteranyo cyimvura yabonetse mu kwezi (kuva tariki ya 1 kugera tariki ya 30) kwa Nyakanga 2019 cyagaragaje ko imvura yaguye ari nyinshi mu ntara y'Iburasirazuba, Iburengerazuba ndetse no bice bimwe by'Intara y'Amajyepfo no mu bice bimwe by'Intara y'Amajyaruguru ugereranyije n'isanzwe ihagwa. Naho mu mujyi wa Kigali imvura yabaye nke ugereranyije n'isanzwe ihagwa. Iyi mvura ikaba yaratewe n'umuyaga waturukaga mu Nyanja y'Abahinde wahinduye icyerekezo ukazana ubuhehere bw'umwuka mu karere u Rwanda ruherereyemo (reba Ikarita1&2).

III. Ubusesenguzi ku bushyuhe

- **Ubushyuhe bwo Hejuru**

Mu kwezi kwa Nyakanga hagaragayemo ubushyuhe bwo hejuru busanzwe mu gihugu ugereranyije n'ubushyuhe busanzwe burangwa mu gihugu mu gihe cy'impeshyi.

Ubushyuhe bwo hejuru ya degree Selisiyusi bwa garagaye ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi bwari kuri 30.8^{0}C, ahandi hasigaye mu gihugu ubushyuhe bwo hejuru bwari kuri degree Selisiyusi hagati ya 25^{0}C and 29^{0}C nkuko bigaragara ku ikarita ya 3.

- **Ubushuhe bwo hasi**

Mu kwezi kwa Nyakanga hagaragayemo ubushyuhe bwo hasi busanzwe mu gihugu ugereranyije n'ubushyuhe busanzwe burangwa mu gihugu mu gihe cy'impeshyi.

Ubushyuhe bwo hasi ya degree Selisiyusi bwa garagaye ku bupimiro bwa Busogo mu karere ka Musanze bwari kuri 9.6^{0}C, ahandi hasigaye mu gihugu ubushyuhe bwo hasi bwari kuri degree Selisiyusi hagati ya 10^{0}C and 15^{0}C nkuko bigaragara ku ikarita ya 4.



Ikarita 3: *Ubushyuhe bwo Hejuru*



Ikarita 4: *Ubushyuhe bwo Hasi*

IV. Ingarukaku Buhinzi

- **Ubuheherebw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)**



Ikarita5:Igice cya kabiri (11-20/07/2019) *Ikarita6:Igice cya gatatu (21-30/07/2019)*

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka mugice cya kabiri cya Nyakanga 2019 (iminsi icumi ya kabiri y'ukwezi) ndetse n'icya gatatu cya Nyakanga 2019 ; dusanga ubuhehere bw'ubutaka bukomeje kugabanuka cyane cyane mu Ntara y'Iburasirazuba. Amajyepfo. Umujyi wa Kigali. Iburengerazuba n'igice kinini cy'Intara y'Amajyaruguru(reba **Ikarita 5&6**).

V. Iteganyagihe mu kwezi kwa Kanama 2019

hateganyijwe imvura nke mu minsi ya mbere y'iki gice; ikaba izagabanuka mu y'indi minsi isigaye y'ukwezi kwa Kanama

Uko Imvura izagwa mu kwezi kwa Kanama 2019 :

- Mu Mujyi wa Kigali: Hateganyijwe imvura nke iri hagati ya mm 0-10
- Intara y'Uburasirazuba: Hateganyijwe imvura nke iri hagati ya mm 0-10
- Intara y'Amajyepfo: Hateganyijwe imvura nke iri hagati ya mm 0-10 naho ahegereye ishyamba rya Nyungwe mm 5 na mm 20
- Intara y'Uburengerazuba: Imvura iri ku kigero hagati ya mm 10-30 ahegereye Nyungwe n'ikiyaga cya Kivu
- Intara y'Amajyaruguru: Imvura iri ku kigero hagati ya mm 10-30 ahegereye ibirunga

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu kwezi kwa Kanama:



Ikarita 7: *Ingano yimvura muri (mm) mu kwezi kwa Kanama*

VI. INGARUKA

Hateganyijwe ko ubushyuhe buzakomeza muri Kanama, akaba ariyo mpamvu hateganyijwe zimwe mu ngaruka zirimo nko kugabanuka kw'amazi cyane cyane ahateganyijwe ibipimo by'ubushyuhe buri hejuru.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24). iry'iminsi itatu (3). itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)